Japan International Cooperation Agency (JICA)

# RWANDA ECOPD NEWS

February & March 2012, Vol.9

Rwanda Demobilization and Reintegration Commission (RDRC)

## Project on Skills training and Job Obtainment Support for Social Participation of Ex-Combatants and Other People with Disabilities

## Umushinga wo gutanga ubumennyi n'ubushobozi bigamije gufasha abantu bahoze ari abasirikare n'abandi bafite ubumuga kwihangira imirimo

## Look Back upon the Activities in 2011
## Ibyakozwe mu mwaka wa 2011

**This ECOPD Newsletter is joint volume in February and March. In this time, let's look back upon the activities of ECOPD Project in 2011.**
**Iyi nimero y'Ikinyamakuru ECOPD irasobanurira hamwe ibyakozwe muri Gashyantare na Werurwe 2012. Muri aka kanya, dusubize amaso inyuma turebe ibyakozwe n'Umushinga ECOPD mu mwaka wa 2011.**

**2011**
**Mar**
**Werurwe**

### ECOPD Project was launched. Umushinga ECOPD waratangijwe.

**Firstly, the project member is 2 staff only in March, 2011. Now, 5 staff is working as the project staff.**
**Mu ntangiriro z'umushinga muri Werurwe 2011, abakozi bawo bari 2 gusa. Ubu bamaze kuba 5.**

**Apr**
**Mata**

### Screening of skills training were implemented at training centers



Participants of the screening
Abantu baje mu ijonjora

**More than 600 persons came to first skills training center even though capacity of trainees for the center was 75 persons only in VTC Rwabuye. After the screening, 265 trainees started the training at VTC Kibali, VTC Nyanza, VTC Rwabuye and Rwanda Unionf of Blind (RUB).**
**Ijonjora ry'abanyeshuri ryabereye mu bigo byigisha imyuga**
**Abantu barenga 600 baje bwa mbere mu kigo cyigisha imyuga cya VTC Rwabuye n'ubwo icyo kigo gifite ubushobozi bwo kwakira abantu 75 gusa. Nyuma y'ijonjora, abanyeshuri 265 batangiye amahugurwa muri VTC Kibali, VTC Nyanza, VTC Rwabuye n'Ikigo cy'Ubumwe Nyarwanda bw'Abatabona (RUB).**

### Launching ceremony of ECOPD Project / 1st Joint Coordinate Committee (JCC) Meeting




**Launching ceremony was held with the Ambassador of Japan, Permanent Secretary in MINALOC, Chief Representative of JICA Rwanda and Chairman of RDRC attending. A lot of people are interested in ECOPD project because this is nationwide project which focus on skills training for People with Disabilities (PWDs). We reported on the screening of training and discussed some issues and next plan.**

### Umuhango wo gutangiza Umushinga ECOPD / Inama Mpuzabikorwa ya mbere y'umushinga

**Mu muhango wo gutangiza umushinga hari Uhagarariye u Buyapani mu Rwanda, Umunyamabanga Uhoraho muri MINALOC, Uhagarariye JICA mu Rwanda na Perezida wa RDRC. Abantu benshi bashimishwa n'umushinga ECOPD kuko uha amahugurwa abantu bafite ubumuga ku rwego rw'igihugu. Twaganiriye ku bijyanye n'ijonjora ry'abazahugurwa, ku bibazo bimwe no ku biteganyijwe kuzakorwa.**

**May**
**Gicurasi**

**Jun**
**Kamena**

### Implementation of skills training

**The trainings started at 3 training centers smoothly. The trainers praised ECOPD trainees because the trainees respected discipline and participated in the training seriously.**

### Ishyirwa mu bikorwa ry'amahugurwa

**Amahugurwa yatangiye neza mu bigo byigisha imyuga. Abarimu bishimiye abanyeshuri ba ECOPD kubera ko bafite imyitwarire myiza kandi bagakurikirana amahugurwa bashishikaye.**

2011
Jul
Nyakanga

**Silk screening course, VTC Nyanza with Japanese volunteer (JOCV) (left) & Tailoring activity with JOCV in VTC Rwabuye (right)**

**Amahugurwa yo Kwandika no gusiga ama-rangi yabereye muri VTC Nyanza ku bufatanye n'Umukorerabushake w'umuyapani (JOVC) (ibumoso). Amahugurwa y'ubudozi yakorewe muri VTC Rwabuye ku bufatanye na JOVC (iburyo).**





## Birth of JICA   Ivuka rya JICA



**A girl was born in July. Her mane is "JICA". Her mother is ECOPD trainee of VTC Kibali, Gicumbi. Thanks to ECOPD project, she gained confidence and had the cute baby. That's why she named the baby JICA.**
**Umwana w'umukobwa yavutse muri Nyakanga. Izina rye ni "JICA". Nyina ni umunyeshuri wa ECOPD wize muri VTC Kibali yo mu Karere ka Gicumbi. Arashimira umushinga ECOPD kuko watumye yigirira icyizere akagira n'umwana mwiza. Ni yo mpamvu yamwise JICA.**

Aug
Kanama

## JICA short-term Expert for barrier-free environment


**The expert came from Japan in two weeks to teach how to plan and design accessible facilities for PWDs like a toilet and ramp. He advised as not only an architect but also as wheelchair user.**

## Impuguke ya JICA mu gihe gito ishinzwe kuvanaho inzitizi zibangamira abafite ubumuga

**Iyo mpuguke yaturutse mu Buyapani, yamaze ibyumweru bibiri yigisha uburyo bwo guteganya inyubako zifasha abantu bafite ubumuga nk'imisarani n'inzira zo kunyuramo ziborohereza. Yatanze inama aranigisha atari nk'impuguke mu bwubatsi gusa, ahubwo nk'umuntu ufite ubumuga ugendera mu kagare. Yafashije cyane abanyarwanda mu kuvanaho inzitizi zibangamira abafite ubumuga.**



**The expert was teaching how to design a ramp at VTC Gisenyi, Rubavu.**
**Impuguke mu bwubatsi yigishije uburyo bwo gutegura inzira zorohereza abafite ubumuga muri VTC Gisenyi.**




**Rwanda Housing Authority made the pamphlet on facilities for PWDs**
**Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe imyubakire cyakoze inyandiko isobanura iby'imyubakire yorohereza abafite ubumuga.**

Sep
Nzeri

## Start to the training at 4 training centers

**265 new trainees participated in the training from September in AGHR, VTC Gisenyi, VTC Rubengera and Gako Organic Farming Training Center (GOFTC).**

## Gutangiza amahugurwa mu bigo 4 byigisha imyuga

**Abanyeshuri 265 bahuguwe mu myuga guhera muri Nzeri muri AGHR, VTC Gisenyi, VTC Rubengera na Gako Organic Farming Training Center (GOFTC).**



**Electricity/Electronics course of AGHR**
**Amahugurwa ku Mashanyarazi/Elegitoroniki yabereye muri AGHR**

Oct
Ukwakira

## First graduate for ECOPD project

**The 6 months trainings from April had completed in October. The trainees left centers to start income generation activities. They have changed so much after the participation of training. Their eyes sparkled with confidence when they received the certificates of training.**

## Aba mbere barangjje amahugurwa y'umushinga ECOPD

**Amahugurwa y'amezi 6 yatangiye muri Mata arangira mu Kwakira. Abanyeshuri bayarangije kugirango batangire gukora imirimo ibyara inyungu. Barahindutse cyane nyuma yo kurangiza amahugurwa. Amaso yabo areba nk'ay'abantu bafite icyizere cyo kubaho neza nyuma yo kubona impamyabumenyi.**



**Hand out the certification in GOFTC**

2011
**Nov**
**Ugushyingo**

## Cooperative activities Ibikorwa by'amakoperative

The ex-trainees started cooperative activities at their communities. Some ex-trainees had some capital and did market research well. Therefore, they could start in business smoothly. Meanwhile, some ex-trainees without preparation had to stop business due to the lack of profit. We realized again it was important for the trainees to learn not only skills training but also know-how of business.

Abahuguwe batangiriye imirimo mu makoperative aho batuye. Bamwe mu bahuguwe babonye amafaranga y'igishoro kandi biga neza isoko. Bityo rero, bashoboye gutangira neza ubucuruzi. Hari n'abandi batiteguye neza bituma bahagarika ubucuruzi kubera guhomba. Twabonye kandi ko byari ngombwa ko abahuguwe batiga gusa imyuga ahubwo bamenya n'ibyerekeranye n'ubucuruzi .

Carpentry cooperative (left)
The ex-trainee is teaching his neighbor how to make a vegetable garden. (right)

Koperative y'ububaji (ibumoso)
Uwahuguwe arigisha mugenzi we uko bahinga ubusitani bw'imboga. (iburyo)





**Dec**
**Ukuboza**

## Asia Pacific Community Based Rehabilitation Congress in Philippines

The representatives of Rwanda were Chief Operation Officer of RDRC, Executive Secretary of National Council of PWDs and JICA Expert. They did the presentation of ECOPD project. The auditors were interested in good points of the project like a use of existing training centers instead of making new facilities.

## Inama Nkuru y'ibihugu byo muri Aziya na Pasifika yabereye muri Filipine yize ku buryo bwo gufashiriza abafite ubumuga mu miryango yabo

Abari bahagarariye u Rwanda ni Umuyobozi ushinzwe ibikorwa muri RDRC, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama Nkuru y'abafite ubumuga hamwe n'impuguke ya JICA. Basobanuye ibijyanye n'umushinga ECOPD. Abari mu nama bashimishijwe n'ibikorwa byiza by'umushinga nko gukorana n'ibigo bisanzwe byigisha imyuga aho gushinga ibishya.



The representative of Rwanda answer to some questions
Uhagarariye u Rwanda arasubiza ibibazo by'abaje mu nama

2012
**Jan**
**Mutarama**

## 2nd JCC Meting Inama Mpuzabikorwa ya 2 y'Umushinga ECOPD

The achievements of the project and next plans were discussed in the meeting. The JCC members agreed that "We, Rwandese will take more strong ownership to implement the ECOPD Project."

Ibyagezweho n'umushinga hamwe n'ibiteganyijwe byaganiriweho muri iyo nama. Abari mu nama mpuzabikorwa y'umushinga bumvikanye ko "Twebwe, Abanyarwanda tuzarushaho kugira umushinga ECOPD uwacu kugirango tuwushyire mu bikorwa."

**Feb**
**Gashyantare**

## Workshop by Rwanda Cooperative Agency (RCA)

The trainees learned to cooperative's philosophy, registration, role and accountant. Cooperative work can start business more smooth than individual work.

## Amahugurwa yatanzwe n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Amakoperative (RCA)

Abahuguwe bamenye icyo koperative igamije, inzira banyuramo Kugirango bayandikishe, akamaro kayo n'icungamari. Abakorera muri koperative bashobora gukora neza ubucuruzi kurusha uwikorera ku giti cye.



The trainees asked actively.
Abahuguwe babajije ibibazo bashishikaye.

## JICA・UNDP Joint Workshop (Kenya)

The Chairman of RDRC and JICA Expert were participated in the workshop in Nairobi. The Chairman presented on the process of demobilization and reintegration program by government of Rwanda. The auditors were interested in sustainability of income generation activities and contribution to a disability affairs law.

2012
Mac
Werurwe

### Inama yakoreshejwe na JICA-UNDP (Kenya)

Perezida wa RDRC n'Impuguke ya JICA bari muri iyo nama abereye i Nairobi. Perezida wa RDRC yatanze ikiganiro kuri gahunda yo gusezerera abasirikare no kubasubiza mu buzima busanzwe ikorwa na Leta y'u Rwanda. Abari mu nama bashimishijwe n'uburanbe bw'imirimo ibyara inyungu ndetse n'uburyo itegeko rirengera abafite ubumuga riyshyirwa mu bikorwa.

### New graduates    Abantu bashya barangije amahugurwa

The trainees from September had completed the training in March. The project members distributed the starter kits to their cooperative place directly. We introduced the cooperative to local authority and community when we visited.

Abanyeshuri bahawe amahugurwa guhera muri Nzeri bayarangije muri Werurwe . Abakozi b'umushinga babashyikirije ibikoresho by'intangiriro aho koperative zabo zikorera. Igihe twabasuraga, twabisobanuriye abayobozi b'inzego z'ibanze n'abandi baturage.



Cooperative member, welding trainer of VTC Gisenyi & Executive Secretary of Sector

Abanyamuryango ba Koperative, mwarimu wigisha gusudira muri VTC Gisenyi hamwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge

### Follow-up of the ex-trainees

253 ex-trainees participated in the follow-up workshop. They did group discussion and got the lecture by Business Development Center. According to the questionnaires, 63% ex-trainees continue to do income generation activities with utilized skill.

Moreover, we did follow-up visit for blind ex-trainees in collaboration with RUB because blind ex-trainees couldn't participate in the above-mentioned workshop due to the lack of access.

### Gukurikirana ibikorwa by'abahuguwe

Abahuguwe 253 bitabiriye inama zo gukurikirana ibikorwa. Baganiriye mu matsinda kandi bahabwa n'ikiganiro cyatanzwe n'Ikigo gishinzwe iterambere ry'ubucuruzi. Dushingiye ku bisubizo by'ibibazo babajijwe, abahuguwe 63% bakora imirimo ibyara inyungu ijyanye n'ubumenyi bahawe.

Ikindi kandi, twasuye abahuguwe bafite ubumuga bwo kutabona dufatanyije na RUB kuko abatabona batashoboraga kuza mu nama zavuzwe haruguru bitewe n'uko batashoboraga kuhagera.

Group discussion in the workshop (left).
Ibiganiro byabereye mu nama (ibumoso).

RUB staff visited and interviewed to blind ex-trainees. (right)
Abakozi ba RUB basuye kandi baganira n'abatabona bahuguwe. (iburyo)





611 PWDs had completed the skills training in 8 training centers in 2011 as follows :
Abafite ubumuga 611 barangije amahugurwa y'imyuga mu bigo 8 muri 2011 ku buryo bukurikira :

| Name of center<br>Izina ry'ikigo | No. of graduates<br>Umubare w'abahuguwe | No. of cooperative<br>Umubare w'amakoperative |
|---|---|---|
| VTC Kibali | 99 | 19 |
| VTC Nyanza | 82 | 16 |
| VTC Rwabuye | 71 | 16 |
| RUB | 15 | 12 |
| Gako OFTC | 160 | 58 |
| AGHR | 54 | 11 |
| VTC Gisenyi | 90 | 18 |
| VTC Rubengera | 40 | 10 |
| TOTAL    BYOSE HAMWE | 611 | 160 |